

4/8/18.

Ubutumwa bwa Padiri Jim.

Hari inkuru ishaje nkunda kubwira abantu , hari injangwe yabaga mu nzu abantu bari batuyemo noneho umunsi umwe iyo nzu ikabamo n'imbeba .

Mu gitondo kare imbeba n'ibyana byayo byashatse kuva munzu yo hamwe n'ibyana byayo bijye kota akazuba hanze . ariko imbeba n'ibyana byayo

byari bizi ko injangwe yo m'urugo isinziriye ariko injangwe nyamukuru yo yasinziriye n'ijisho rimwe rifunguye . Ubwo injangwe yumvishe imbeba n'ibyana

byayo ihita ibwejagura cyane iramoka cyane ibintu birakomera munzu kuburyo banyiri urugo bari bagiyeye kubyuka ngo batabare barebe ibibaye .

Ariko imbeba yabashije guca amarenga mumvuga zayo (Imbeba) maze injangwe ntiyigeze irabukwa ! Ubwo murumva ko imbeba n'ibyana byayo byakomeje

urugendo rwabyo m'ubwihisho ! Maze imbeba yarakomeje maze iza kuvuga ko ,byayifashije hamwe n'ibyana byayo kuba yari izi indi mvugo Injangwe itashoye

gutahura !! Imbeba iti," Birafasha kumenya urundi rurimi " ! Ngaho namwe murebe inyigisho iri muri iri somo ?

Bakristu bavandimwe mujye mwirinda gucumura mubishaka kuko icyaha nikibi igihe cyose ,umuntu wese ugambiriye gukora ibyaha agomba kuba ameze ukundi mbese yitandukanije n'Imana . Mwese mujye mufashanya nirwo rugero rwa Kristu yaduhaye burigihe kugirango tubashe kubana mu mahoro .

Gufashanya biruta kubana turi mu mwirya . Iyo dusuranye tugafashanya ntako bisa ngurwo urugero Kristu muvandimwe .

Amasakramento yo Gukomezwa : Hari abakristu 47 bagomba gukomezwa uy'umunsi hano kuri Paruwasi ya mutagatifu Lewo.

ni sa munani n'igice amasakramentu yo Gukomezwa nimeza cyane , Kuko uba wuzuye muri Kristu iyo umaze gufata isakramento ryo "Gukomezwa " .

Mwese abazakomezwa muzagire umunsi mukuru mwiza .Alleluia .

Porogaramu y'abana : Ni abanyeshuri bafite imyaka 10-12 hamwe n'abafite imyaka kuva 13 kugeza 18 y'amavuko .

Dukeneye abashoferi batwara abakristu . Bava aiwabo bajya mu misa cg bava mu misa bagana iwabo . Nibo dukeneye abo bose ni abakorera bushake .

Ababyifuza kudufasha bahamagara kuri 513 921-1044.

Mudufashe turashaka gukora urugendo rwo kwamagana inzara (Paruwasi ya Mutagatifu Lewo niyo irimo kubitegura) ni kuwambere italiki ya 28 z'ukwezi kwa gatanu

Bizaba bibaye inshuro ya 15 twizihiza iyisabukuru yo kwamagana inzara .(15) . Abashaka gufasha Dore aho imfashanyo wayishira .

freestorefoodbank.org/hungerwalk-saintleodonate. Impapuro zo kwiwandikisha ziri ushoka mu kiliziya hafi y'umuryango.

Abashaka kujya mu misa yo kuwagatatu ,Dore aderesi , 5222 North Bend Rd, Cincinnati,Oh cg bagahamagara iyi nimero (513) 471-5483.

